# IFISHI YO KWEMERA K'UTANGWAHO AMAKURU

Mpaye **I&M Bank (Rwanda) Plc** (yitwa **"Banki"** muri iyi nyandiko n'abandi bose bakorana mu gutunganya amakuru uburenganzira bwo gutunganya amakuru anyerekeyeho ku mpamvu zikurikira:

- Kubahiriza ibisabwa n'amategeko mu rwego rwo kumenya umukiriya (KYC) mbere yo gufungura konti.
- Kumpa ibicuruzwa/serivisi nasabye nk'amakarita akoreshwa muri Banki (Debit and Credit Card), kohereza amafaranga ahandi, ibikorwa bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, n'Udutabo twa sheki).
- Kwakira ubutumwa bujyanye n'iyamamazabikorwa butangwa na Banki ku byerekeranye n'ibicuruzwa/serivisi zayo kimwe n'ibicuruzwa na serivisi zitangwa n'abandi banyamuryango ba I&M Group bishobora kuba byangirira akamaro.
- Gukora ibikorwa bijyanye na serivisi za Banki zitangwa hifashishijwe amakarita (Debit, Prepaid na Credit).
- Kuyakoresha ( igihe ari ngombwa) mu gusuzuma ubusabe bw'inguzanyo bwanjye igihe naramuka nyisabye.
- Mu rwego rwo gutegurira  inzego zigenzura banki raporo ku byerekeranye n'uko konti yanjye ihagaze.

Numva ko ibingibi ari ngombwa ku nyungu zumvikana za Banki kugirango ibashe gusuzuma amakuru bwite anyerekeyeho kugirango ibashe kumpa serivisi zikwiye zijyanye n'ubusabe bwanjye bwose.

Nzi ko nshobora kubona imiterere y'amakuru bwite anyerekeyeho banki ikusanya n'impamvu ituma iyakusanya ikanayatunganya mbisabye nyuze kuri imeyiri ***dpo@imbank.co.rw*** cyangwa nyuze ku muntu ubishinzwe (Help Desk) ukorera kuri buri shami rya Banki.

Nzi ko nshobora kuvanaho ukwemera kwanjye igihe icyo ari cyo cyose nkoresheje Ifishi yo Kuvanaho Ukwemera k'Utangwaho amakuru iri ku rubuga rwa interineti rwa Banki ari rwo ***(https://www.imbankgroup.com/rw/)*** cyangwa nyikuye ku muntu ubishinzwe (Help Desk) ukorera kuri buri shami rya Banki.

Nemeye ko nasomye kandi numvise amategeko n'amabwiriza  akubiye mu Itangazo rijyanye n'ubuzima bwite ryashyizwe ku rubuga rwa interineti rwa I&M Bank kandi nkaba nemeye kubyubahiriza. Mpaye Banki na/cyangwa abatanga serivisi zayo na/cyangwa ibigo biyishamikiyeho uburenganzira bwo gukoresha amakuru bwite anyerekeyeho ndetse n'amakuru y'ibanga nk'uko byavuzwe hejuru.

**Umukono w'utangwaho amakuru:**

Nomero ya konti: ______________________________

Amazina ya Konti: ______________________________

Umukono: ______________________________

Itariki: ______________________________

**Hagenewe Banki Gusa**

Byakiriwe na: ______________________________

Itariki byakiriweho: ______________________________

Umukono na Kashe: ______________________________